Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Ukwakira 2021 *Ikinyarwanda*

Ni uko amusaba kwirukana iyo roho mbi yari mu mukobwa we. (Mk 7,26)

Komeza!
Keep in touch!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yari umubyeyi ukiri muto. Yari atuye mu mugi wari ukize cyane ku cyambu cya Tyrus mu gihugu cya Libani y'ubu ngubu. Mu ibarankuru z'abagereki bavuga ko muri uwo mugi ari ho Uburayi bwavukiye. Igisekuru cy'uyu mugore cyakomokaga mu Bugereki. Ntiyari yarigeze agira aho ahurira n'imyemerere ya Kiyahudi. Abaturanyi be b'Abayahudi bamufataga nk'umupagani. Ku bw'iyo mpamvu ndetse bamugereranyaga n'imbwa. Mu by'ukuri ubuzima bwari bumugoye yemwe no mu muryango we ntibyari bmworoheye. Yari afite umwana w'umukobwa nawe wari ufite ibabazo. Yahoraga yigunze nta nshuti cyangwa abamenyi afite. Yari yarashyizwe mu kato, akitwa uwanduye n'uwahanzweho. Yiberaga mu buriri.

Umubyeyi we yari yarageregeje inzira zose zishoboka. Hagati aho yari yarumvise bavuga ibya Yezu. Muri iyo minsi Yezu yari ageze mu mugi wa Tyrus. Ugereranije yari amaze gukora urugendo rw'amaguru rungana n'ibirometero 60 uturutse ku kiyaga cya Genezareti werekeza i Tyrus. Yashakaga gufata iminsi mike ari wenyine. Ariko ageze aho byahise bimenyekana hose. Ni uko wamugore arahaguruka asanga Yezu amushyira akaga yari arimo, amusaba ko yakiza umukobwa we. Yezu abanza gusa n'umwirengagije. Amubwira ko yoherejwe ku Bayahudi, abana bo mu nzu y'Imana, atoherejwe ku bapagani. Yongeraho ati: „ntibikwiye gufata umugati w'abana ngo bawujugunyire ibibwana!" Ariko umugore yanga kuva ku izima. Yashakaga gufasha umukobwa we. Ni ko kubwira Yezu ko ibyo avuze abyemera ariko yungamo ati: „Ni koko Nyagasani! Ariko n'ibibwana birya utuvungukira abana bataye mu nsi y'ameza." Yezu ntiyari yiteze iki gisubizo. Kudacika intege k'uwo mugore kwamukoze ku mutima. Yezu afata icyemezo cyo gufasha umukobwa we: „ngaho genda, roho mbi ivuye mu mukobwa wawe!"

Uyu nawe ntiyari yorohewe mu buzima bwe. Ise umubyara yari yarabatereranye. Muri ako kaga ke, yagize amahirwe yo guhura na Yezu. Yari yarageragereje muri za Paruwase zitandukanye ngo arebe ko hari ahamunyura ariko ntiyagira aho abona hamunyuze. Umunsi umwe aza kujya mu mwiherero wari ufite insanganyamatsiko igira iti: „guhura na Yezu." Yajyaga atekereza ku bijyanye n'ukwemera ariko yumvaga mu by'ukuri bitamufasheho. Ariko ntibyamubujije kwiyandikisha. Ku munsi wa mbere ajyayo, yakiriwe neza cyane. Yakomeje kujya muri iryo huriro kenshi. Buhoro buhoro aza kubona uburyo Yezu yari amuri hafi. Yaje kugera ubwo yiyumvamo umwanzuro wo gusezeranya Yezu kuberaho we wenyine, mu bwiyumanganye. Ubwo ni bwo urugendo rushya rw'ubuzima bwe rwatangiye! Ni mahire ko yakomeje gutega amatwi icyifuzo cyari mu mutima we. **Komeza! Keep in touch!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker